GAZETI LMSSCC NO 1/2016.

NTUMA NYAGASANI.

AKANYAMAKURU K'ABALAYIKI MISIYONERI B'UMUTIMA MUTAGATIFU WA YEZU NA MARIYA.



NTUMA NYAGASANI.

Ijambo ry' ibanze.

Mvuge iki? Nkore iki nkibifitiye umwanya ?

Muri Paruwasi za Kiziguro na Nyakayaga mu karere ka Gatsibo, Intara y' I Burasirazuba,

mu irerero ry' i Butare mu karere ka Huye, intara y' amajyepfo,abapadiri bo mu

muryango w' Abamisiyoneri b' Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya, bahawe ubutumwa bwo kogeza ijambo ry'Imana rishingiye ku rukundo mu bantu.

Muri uwo muryango kandi, havutsemo irindi shami ry' abalayiki bemeye kugendera ku matwara yawo: bitwa Abalayiki misiyoneri b' Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya.

Kubera ko abalayiki ari abakirisitu batari mu nzego z' abihayimana, basabwa gutanga ubutumwa mu mvugo, mu ngiro, mu buzima bwo mu mirimo itandukanye babamo.

Yezu Kirisitu, ntabwo yigishaga gusa, yakoraga n' ibindi bikorwa byiza bihesha agaciro mwene muntu:Kuvura abarwayi n' ababana n' ubumuga,kugaburira abashonje,…

Ni muri urwo rwego ,abalayiki misiyoneri basabwa gushyira mu bikorwa inyigisho bakura mu ijambo ry' Imana, bita cyane cyane ku bantu batishoboye kandi bakaba bariyemeje gutangariza abantu bose n' abakirisitu by' umwihariko, ibyo bagenda bageraho n' ubwo byaba ari bike.Igikuru si ubwinshi bw' ibyakozwe, icy' ingenzi ni ukugira umutima uzirikana kugirira abandi neza.

Mvuge iki, nkore iki? Mu guhindura sosiyeti ikaba nziza kurushaho, umulayiki MSSCC ahamagariwe kuvuga cyangwa gukora byiza kandi birahari. Nta mpamvu yo gukora ubusa

Cyangwa kokamwa n' ikibi kandi ibyo gukora byiza bitagira ingano.Umuryango w' abantu by' umwihariko w' abakirisitu ukwiriye kurangwa no koroherana, gufashanya, kubaha Imana no kubahana hagati yabo ,kwita ku murimo,gusangira, kurangwa n' ukuri, umucyo n'ubutabera, bigakorwa kugirango ikiremwa muntu gihabwe agaciro gakomeye nk' ishusho y' Imana.

Muri aka kanyamakuru, murasangamo ubuhamya bwa bamwe mu balayiki MSSCC, ibyo twibukiraho Abalayiki MSSCC bitabye Imana, bimwe mu byakozwe n' Abalayiki MSSCC mu mwaka wa 2015, na gahunda bihaye mu mwaka wa 2016.

Ibitekerezo binyuranye kuri aka kanyamakuru bihawe ikaze!

IBIRIMO.

1.Ijambo ry' ibanze urupapuro rwa 1

2. Ubuhamya bw'abalayiki msscc urupapuro rwa 3,4,5,6,7,8,9.

3. Imana ibahe iruhuko ridashira urupapuro rwa 9,10,11,12,13,14

4.Bimwe mu bikorwa byabaye mu mwaka wa 2015. urupapuro rwa 15,16.

5. Bite se muri Fondation Concordia-Ineza ? urupapuro rwa 17,18,19.

6.Igenamigambi ry' Abalayiki MSSCC mu mwaka wa 2016. Uruganda rwa 20

7.Umwanzuro. Urupapuro rwa 21.

8.Utuntu n' utundi urupapuro rwa 22

9.Umwanzuro Urupapuro rwa 23.

I. UBUHAMYA BW'ABALAYIKI.

1.KANTENGWA Anne Marie ,LMSSCC.

Ibyo yasezeranye

Gusura abarwayi akababavugira isengesho,Kubyutsa abaguye mu bukirisitu, bagasubira mu Kiliziya,gukangurira ababana batarasezeranye, akababakangurira gufunguza amasakaramentu.

Ibyo yakoze

Mu buzima bwe, Kantengwa yita cyane ku barwayi. Uwo ariwe wese abona ko amerewe nabi aramufasha uko ashoboye kabone n'ubwo yaba atamuzi nk'uko tubisanga mu ivanjiri ya Luka,10:25-37. Ibyo abikora kandi na we ubwe atorohewe n' imibereho igoye abamo n'indwara za hato na hato akunze kugira.

Umunsi umwe , yasanze umugabo ku muhanda afite uburwayi bwamuteraga gucisha ruguru buri kanya, yari yihindanyije, amufata ukuboko ngo

amugeza kwa muganga.Ubundi kandi ngo yasanze umurwayi ku nzira, igitengo cyamuzonze, yananiwe kwigeza kwa muganga, na we amufata akaboko, aramusindagiza umugezayo.

Kantengwa ntagaragariza umutima mwiza abarwayi gusa, kuko n'uwo abonanye ikindi kibazo amugirira impuhwe,agashaka uburyo yamufasha.Aha atanga urugero rw'umuntu yabonye yambaye imyenda icitse nuko ngo amugurira imyenda ngo ajye abona iyo aserukana kandi amugira n' inama yo kujya azirikana gufatanya n' abandi bakirisitu mu misa yo ku cyumweru. Hari n'umugenzi wari washobewe, yahaye amafaranga y'urugendo agenda yishimye cyane dore ko bwari bumaze kuba nijoro.

Nkuko Kantengwa abivuga, ngo nta mukirisitu ukwiye kwirengagiza mugenzi we uri mu ngorane ,uwari we wese n' aho yaba umusanze hose. Ni ngombwa kumugaragariza urukundo , akabona ko atari wenyine, bityo na we akagenda yamamaza iyo neza agiriwe.

2. MUKANDANGA Speciose

Ibyo yasezeranye

*Gufungurira abashonji, no Kwambika abambaye ubusa.*Mu buhamya bwe Speciose, avuga ko kugaburira umushonji bimushimisha , byabaye ubuzima bwe bwa buri munsi , bityo ko bitajya bimubangamira. Ngo n'iyo umushonji umugezeho(dore ko atuye hafi y' inzira nyabagendwa) afite ifunguro rito, nko mu gihe ibiribwa biba byagabanutse , basaranganya ibyo amusanganye.

Kwambika abambaye ubusa na cyo ni igikorwa agerageza gushyiramo imbaraga . Ngo buri mwaka, yiha umuhigo wo kwambika utishoboye, akamugurira umwenda mushya ngo hato atamuha uwo yambaye abaturanyi be bazi, bikaba byatera ipfunwe uwo muvandimwe .Ibyo kandi bituma abasha kubahiriza ibyo ijambo ry'Imana rivuga (icyo ikiganza cy'iburo gikoze, icy'ibumoso ntikakibimenye,Matayo 6,1-4).

Mu gushyira mu bikorwa amasezerano ye , Speciose avuga ko ahura n'ingorane. Ngo rimwe na rimwe ubushobozi buba buke bityo ntiyite ku bo abona bamukeneye kuko baba ari benshi. Ngo hari ubwo agira intege nke, akijujuta abona hari abantu bafite ingeso yo gufunguza, cyakora ngo arongera akaronka intege mu isengesho rya buri munsi. Kuba yarinjiye mu muryango wa LMSSCC ufite ubutumwa bwo kwita ku batishoboye , ngo ni ibintu bimushimisha bigatuma yitangira abamukeye.

Mu gusoza ubuhamya bwe, Speciose avuga ko Isezerano atari imikino, ahubwo ko ari urugamba ruhoraho, kuko bisaba kwigomwa byinshi. Ngo isengesho ni ryo ryonyine ribishoboza umukirisitu.

3.Ubuhamya bwa Mukabaranga Helene

Ubusanzwe,Mukabaranga Helene, yasezeranye gufasha umushonji,amuha icyo kurya buri wa gatandatu,kuko ariwo munsi akoreraho ubucuruzi bw' imbuto ziribwa cyane cyane imineke akabona udufaranga.

Guillaume ni umwana w' umuhungu, nta mubyeyi n' umwe agira, yewe nta n' ubwo abazi,yamenye ubwenge batakiriho.

Ubu Guillaume abana na Mukase.N' ubwo babanye neza ugereranyije,umwana agomba kwirwanaho,kugira ngo abone imyambaro n'icyo arya kiboneye dore ko abana n' ubwandu bwa Sida.

Ku munsi w' isoko rya Kiramuruzi,ajya guterura imizigo, kugira ngo abone udufaranga two kugura ibiryo byiza.

Uwo mwana yabaye inshuti ya Mukabaranga Helene,kubera ko yazaga kumuguraho imineke. Uko yazaga buri gihe, ubuzima bw' uwo mwana bwagiye bumutera amatsiko, bitewe

n'uburyo yabonaga ari akana gahorose kandi gakonje.Buhoro buhoro,ako kana kaje gutekerereza Helene iby' ubuzima bwako .

Ni uko Helene amugira nk' umwana we, ikibazo agize cyose akaza kukimugezaho,undi na we akakimukemurira akurikije ubushobozi bwe:Udufaranga,kumugira inama,amurinda kwiheba no kwiyahura kuko rimwe yabaga yashavuye cyane.

Hari igihe ako kana kaza karembye,akagafashisha udufaranga kandi akakohereza kwa muganga.Kubihuza n' ubutumwa yahawe nk' umulayiki misiyoneri w' umutima mutagatifu wa Yezu na Mariya,twabifata mu rwego rwo gufasha ufite ingorane wese hatitawe ku masano cyangwa ibindi bimenyane.Umwana afite bene wabo, ndetse n' abaturanyi bameze neza.Nyamara kubera imihihibikano y' iby'isi, nta mwanya babonera icyo kibazo.

Kugira impuhwe ni ingabire ikomeye, Helene akaba yifuriza abakirisitu bose by' umwihariko Abalayiki MSSCC,kurebana impuhwe abafite ububabare bose,no kubafasha uko babishoboye, kandi erega ngo biba ari ukwiteganyiriza mu ijuru!

Umutima wahinguranyijwe wa Yezu utume tuzirikana kugira impuhwe ku bashavuye dore ko buri wese cyangwa se uwe,atamenya aho bwira ageze!!!

Guillaume hamwe na Mukabaranga Helene.

4.Ubuhamya bwa Mukarugira Eugenie.

Uyu Eugenie(uw'ibumoso, wambaye ibitenge), yasezeranye gufasha imfubyi .Mu buzima bwe, yakunze kwita ku bana bahuye n'icyo kibazo cy'ubupfubyi , ibyo bikaba byaravuye ku muco yabonanye ababyeyi be kuko ngo iwabo harerewe abana benshi b'imfubyi , bagakurana na bo. Nanone kandi ngo jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda 1994, yamusigiye imfubyi nyinshi zo mu muryango we.

Aho Eugenie yinjiriye mu muryango w'Abalayiki Misiyoneri, ngo yarushijeho kuzirikana ku kaga k'imfubyi , kubera inyigisho yaherewemo zikangurira Abalayiki Misiyoneri kurangamira Yezu wahinguranyijwe n' icumu, babinyujeje mu bikorwa by'urukundo bagirira abahinguranyijwe n'ibibazo by'isi. Yahisemo gusezerana kwita ku mfubyi dore ko ari n' igikorwa yari yaratangiye mbere nkuko twabibonye haruguru.

Usibye imfubyi zo mu muryango we, Eugénie yareze umwana yatoraguye, umubyeyi we yamujugunye mu Kiliziya.Icyo gihe yari uruhinja none ubu, ni umukobwa mwiza w'imyaka irindwi. Kugeza ubu, uwo mubyeyi we gito ntaramenyekana. Ubu, Akayezu yishimiye umuryango wa Rutayisire na Eugénie Imana yamushumbushije.

Akayezu Divine, umukobwa watoraguwe na Mukarugira Eugénie muri Kiliziya ya Kiziguro.

Akayezu yari agahinja katarengeje iminsi 3,ariko ubu(2016) afite imyaka 7.

Mukarugira Eugénie na we yishimira iki gikorwa kuko ngo kimutera ibyishimo akarushaho gukunda Imana n'abantu. Abo yareze ngo baramukunda, bakamufata nk'umubyeyi ku buryo ngo yagize uburwayi bukomeye (kanseri y'ibere) bakiheba bavuga ko bagiye kuba imfubyi. Ngo yarabahumurije, arabakomeza ariko kandi ngo agasingiza Imana yo yamushoboje kubagirira akamaro. Eugénie avuga adashidikanya ko ari ku bw'imigisha asabirwa n'abo bana arera , akomeje gutwaza ntaremererwe n'uburwayi bwe.

Mu gusoza ubuhamya bwe, Eugénie aradushishikariza gukunda Imana no kudacika intege mu gukora ibikorwa byiza dufasha abavandimwe , aragira ati" nta we ukwiye kubibuzwa n'ubushobozi buke cyangwa intege nke yiyumvamo kuko ngo, ni Imana ibyikorera muri wowe ngo upfa kuyemerera gusa.

II.Imana ibahe iruhuko ridashira,tuzajya tubibuka.

Mu rwego rwo gutanga ubutumwa bw'urukundo rwa Yezu Kristu mu bantu,haba mu mvugo cyangwa mu ngiro, bamwe mu bakirisitu bo muri Paruwasi ya Kiziguro n' abatuye i Butare biyemeje kuba abalayiki b' abamisiyoneri bamamaza umutima wuje urukundo n' ineza mu bantu. Bamwe muri bo ,ntabwo bakiriho. Baruhukire mu mahoro iteka.Abo ni aba bakurikira:

1.Karagire Tharcisse:

-yari atuye i Gorora, mu kagari ka Ndatemwa,umurenge wa Kiziguro,Akarere ka Gatsibo.

-Yari umurezi mu mashuri abanza

-Yigishaga kandi akaririmbisha mu misa ayobora korari ya pueri cantors.

-Yari yatangiye inyigisho z' Umuryango wa MSSCC washinzwe na Padiri Joachim Rosello.

-Yitabye imana muri Mata 1994 hamwe n' umuryango we.

Icyo tumwibukiraho ni uko yari umurezi witaga ku murimo we,

Gusabana n' abandi , gutuza no kwihangana.

2.Gakwaya Jean Baptiste.

-Yari atuye i Bugarura, mu kagari ka Rwarenga,Umurenge wa Remera, mu karere ka Gatsibo.

-Yari umurezi mu mashuri abanza.

-Yari mu muryango wa <Equipe enseignante> ariryo tsinda ry' abarimu b' abakirisitu.

-Na we yari yatangiye inyigisho z' Umuryango wa MSSCC.

Icyo tumwibukiraho: yari intwari mu bukirisitu(kudasiba misa, uburyo yateguraga iminsi mikuru y' amasakaramentu y' abana be nka disikuru ziryoheye amatwi kandi zuje ijambo ry' Imana….), guhuza abaturanyi bakagira ibikorwa by' iterambere nko kujya mu bimina bifite umurongo usobanutse.

Yitabye Imana muri Mata 1994,asize umugore n' abana 3.

3.Mvumba André:

Mvumba André, ahagaze ibumoso, yambaye ishati ya karo karo.

-Yari atuye mu kagari ka Nyabisindu,umurenge wa Kiramuruzi,akarere ka Gatsibo.

-Yabanje kuba umwarimu, hanyuma aza no kuba umucamanza mu nkiko za Kanto.

-Yabaye n' umuyobozi wa Komini Murambi wungirije guhera mu 1994,aza gusubira mu bucamanza mu mwaka wa 1996.

-Abagizi ba nabi bateye grenade iwe nijoro,we n' umufasha irabakomeretsa cyane,ariko Imana ikinga akaboko. Gusa umufasha we,yarababaye cyane ku buryo byaje kumuviramo ubumuga.

-yahawe inyigisho z' Umuryango wa MSSCC ku buryo haburaga gato ngo akore amasezerano.

-Yafashwe n' indwara ya simusiga yitaba Imana mu Ugushyingo 2003.

-yasize umugore ubana n' ubumuga kubera grenade bamuteye , asiga n' abana.

Icyo tumwibukiraho: -Yakundaga abantu,abagira inama,agakunda gusabana na buri wese.

-Yarangwaga n' ukuri ,akanga akarengane.

-Yari umugabo ucyeye ku mubiri no mu bitekerezo,urangwa n' urugwiro,kwihangana,gutabara,gufasha,…

-Yari yarabwiye benshi ko yifuza gukorera Imana kurushaho mu myaka yari ashigaje kubaho!

4.Nikuze Claudine

Nikuze Claudine, ahagaze iburyo, yambaye ishati n' ijipo by' umweru.

Yari atuye i Butare.

Yakoze amasezerano ya mbere**.**

-Yishwe n' indwara asiga umugabo n' agahinja.

- Yarangwaga n' ubwitonzi, Gusenga, no gushakisha cyane ibyazamuraga urugo n' umuryango we.

Icyo tumwibukiraho: Ubukirisitu, umutuzo n' urugwiro mu byo yakoraga byose**.**

5.Bwanakweri Michel:

Bwanakweri Michel,uwa 3,uturutse iburyo,afite imvi,yambaye ishati y' Umweru.

-Yari atuye i Murambi, hanyuma aza kwimukira i Kiziguro.

-Mu buzima bwe bwose,Michel yaranzwe n'ibikorwa bitandukanye,

Yari umugabo uzi gushakisha agamije iterambere ry' umuryango we.

Yakoranye cyane cyane na Padiri Yakobo mu mishinga yo kubaka amashuri,za sukirisale, gusana inyubako zitandukanye,…..

-Yakurikiye inyigisho z' umuryango,ndetse aza no kugera ku rwego rwo gukora amasezerano, inshuro 2.-Yitabye Imana muri 2013,azize indwara.

Icyo tumwibukiraho: Umwete ku murimo wose ugamije iterambere.

6.Batamuriza Beatrice:

Batamuriza Beatrice,ufite umupira w' umutuku mu ntoki.

Yari atuye mu kagari ka Rwankuba, umurenge wa Murambi,akarere ka Gatsibo, niho yavukiye kandi ashakirayo.

Yari umupfakazi,w'abana 3.

Yabaye umwarimu, akazi gahagaze,atangira gukora imirimo itandukanye ya Kiliziya.

Yakurikiranye inyigisho z' muryango ndetse akora n' amasezerano.Yafashwe n' indwara, iramubabaza cyane,

Kugeza ku ndunduro ku wa 15 Mutarama2015 ubwo yitabaga Imana mu muryango w' Abizeramariya i Gisagara,ari naho yashyinguwe.

Icyo tumwibukiraho: umurava mu byo yakoraga,ubukirisitu butajegajega,kwihanganira ibigeragezo, isura nziza ku mubiri no ku mutima,guhora yishimye no mu gihe cy'ububabare.

7.Mukabuduwe Didacienne.

Yari atuye ku Muringa,akagari k' Agakomeye, Umurenge wa Kiziguro,Akarere ka Gatsibo.

Yabaye mu muryango w' ababikira Vita et pax nyuma aza no kuba umuganga mu bitaro bya Kiziguro.Mu buzima bwe bwose yakoreye Imana, n' ubwo yari afite ikibazo cy' uburwayi budakira.

Yakurikiye inyigisho z' Umuryango waMSSCC,aza no gusezerana kugemurira ukarisitiya ,abakecuru ,abasaza, bafite ubumuga,abarwayi, batakibasha kugera mu kiliziya.

Yari umukozi muri atelier y' ubudozi,ikorera kuri paruwasi Kiziguro,akaba n' umubitsi w' Abalayiki MSSCC.Byose yabikoraga mu mutuzo,kwiyoroshya no kwihangana.

Icyo tumwibukiraho: Umuhate mu gukorera Imana n' ubwo yaba ufite ingorane.

Gucisha make,kujya inama,kwihangana,……..

III.Bimwe mu bikorwa rusange byakozwe mu mwaka wa 2015.

.Gusangira ubutumwa n'Abapadiri MSSCC,

1.Hakozwe urugendo-nyobokamana i Kibeho na Nyarushishi.

2.Hasuwe umuryango w' ababikira b' Abizeramariya ,aho Batamuriza yarangirije ubutumwa bwe kuri iyi isi,akaba ari naho ashyinguye.

3. Gusura abarwayi ku bitaro i Kiziguro, no kubagemurira.

4. Guhurira mu mwiherero mu bihe bikomeye bya Kiliziya:Igisibo, advent.

5. Gufatanya mu minsi mikuru ya Paruwasi,nk' itangwa ry' ubusaseredoti ry' abapadiri 2 muri paruwasi nshya ya Nyakayaga.

6.Guherekeza bwa nyuma Mukabuduwe Didacienne no gusura umuryango we.

7.Gusura gereza, no kugemurira abagororwa**.**

Ubutumwa bw' abalayiki MSSCC i Butare.

Gusura abagororwa no kubagemurira.

Nk'uko ijambo ry'Imana ribitwibutsa, ntabwo bihagije kwitwa umukristu , by'umwihariko ntibihagije kwitwa Umumisiyoneri w'umutima mutagatifu wa Yezu na Mariya mu magambo gusa. Twitwa abakristu kubera ko dukurikiza inyigisho ze , kandi dutera ikirenge mucye.

Ni muri urwo rwego, itsinda ry'Abalayiki b'abamisiyoneri b'Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya b'i Butare bafatanyije n'urugo rw'irerero rwAbamisiyoneri b'Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya rw'i Butare(Noviciat) ku itariki 10 z'Ukuboza 2015 bagiye gusura abagororwa bo muri Gereza ya Huye mu rwego rwo kwifatanya n'abavandimwe bababaye nk'uko ivanjiri ibitubwira : « *Nari imbohe muza kundeba* » (Mt.25,36).Kubera ko muri iyo gereza , dukurikije n'amakuru ababashinzwe baduhaye harimo abasaga 9000 ; ntabwo twashoboraga kubasura bose. Niyo mpamvu twasabye abagororwa bababaye kurusha abandi . Batuzaniye abagera ku 10 turaganira badusangiza ubuzima babayemo. Bamwe

muri abo hari abari barwaye barembye bikabije, abandi baramugaye kandi badafite umuntu n'umwe ubasura ; muri make bose bari bababaye bigaragara. Twarabaganirije ,turabahumuriza.

IV.Bite se muri Fondation Concordia-ineza ?

Fondation Concordia-ineza, ni umuryango washinzwe n' Abamisiyoneri b' Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya.

Nk'uko Yezu yigishaga kandi agakora n' ibindi byiza nko gukiza abarwayi,kuvura abamugaye,kugaburira abashonje, Fondation Concordia-ineza,ni umuryango w' ibikorwa by' ineza. Ifasha Abamisiyoneri kurangiza ubutumwa bwabo cyane cyane mu bikorwa.

Dore bimwe mu byakozwe mu mwaka wa 2015 :

-Gufasha abana 450 biga mu mashuri abanza : abo bana babona umwenda w' ishuri, udukweto,amakayi,amakaramu, isabune,inkwavu n' inkoko byo korora.

-Abana bafite ababyeyi bihariye muri parrainage :

Buri mwana abona amafaranga y' ishuri, umwambaro,amakayi,amakaramu,inkweto,imyambaro ya siporo,ubwisungane mu kwivuza, ifu y' agahunga,ibishyimbo,umuceri bigahabwa imiryango yabo,

Ibitenge by' abana ndetse n' iby'ababyeyi babo.

-Abanyeshuri biga mu mashuri yisumbuye b' abakene, bahabwa amafaranga y' ishuri

120 000FRW ku mwaka, nk' inyunganizi y' ayo ababyeyi batanga.

-Abakene bagera ku 1000 bahawe amafaranga y'ubwisungane mu kwivuza.

-Abahejejwe inyuma n' amateka10 b' i Butare,bubakiwe ibigega by' amazi, kandi bigishwa kubifata neza,gukora uturima tw' igikoni,gutera imbuto ziribwa,…….

Bavandimwe dukunda, tubifurije kuzahirwa muri uyu mwaka wa 2016 witiriwe uwa yubire y'Impuhwe z'Imana. Muzarusheho kwakira impuhwe z'Imana kugira ngo namwe mubashe kuzigirira abandi.Hamwe na Nyirubutungane Papa Fransisiko dusenge tugira tuti:

Nyagasani Yezu Kristu, wowe watwigishije kuba abanyampuhwe nka Data uri mu ijuru,

Ukanatubwira ko ukubona aba yabonye Data, turakwingize..Twereke uruhanga rwawe maze dukire.

Indoro yawe yuzuye urukundo yabohoye Zakewusi na Matayo

ku ngoyi y'ubucakara bw'amafaranga,

umugore w'ihabara na Madalena, ubakiza gushakira ihirwe mu byaremwe

warebanye impuhwe Petero, arizwa n'uko yakwihakanye kandi mu mpuhwe zawe

wijeje ijuru igisambo cyakwicujijeho.

Dufashe twese kumva ijambo wabwiye Umunyasamaliyakazi:

" Iyaba wari uzi ingabire y'Imana!" Kuryakira nk'aho ari twe ribwiwe.

Uri ishusho igaragara y'Imana Data,

Uri ishusho y'Imana igaragaza ububasha bwayo bw'igisagirane ,

ibabarira kandi igira impuhwe:

Ha kiliziya kuba ishusho yawe igaragara mu isi yacu,

Wowe Mugenga wayo wazukanye ikuzo.

Wemeye ko abagaragu bawe bagaragarwaho no kuba abanyantege nke,

Kugira ngo wumvikanishe impuhwe ugirira abari mu mwijima w'ubujiji no kwibeshya.

Ha uzabagana wese kwiyumvamo ko yakiriwe, akunzwe kandi ababariwe n'Imana.

Ohereza Roho wawe maze adutagatifuze twese,

kugira ngo iyi yubile y'Impuhwe, ibe koko umwaka w'ingabire z'Imana,

kandi kiliziya yawe, mu bwitange n'ishyaka ridacogora,

igeze ku bakene Inkuru nziza, imenyeshe imbohe n'abapfukiranwaga ko

babohowe n'impumyi ko zihumutse.Ibyo tubigusabye, twisunze Bikira Mariya,Umubyeyi w'Impuhwe.

Wowe ubaho ugategekana n'Imana Data na Roho Mutagatifu,

Uko ibihe bihora bisimburana iteka. Amina.

***V.Igenabokorwa by'Abalayiki Misiyoneri b' Umutima Mutagatifu wa Yezu na Mariya mu Rwanda mu mwaka wa 2016*.**

Igikorwa	***igihe***	***Abazagikora***	***Ibizakenerwa***	***Aho bizakorerwa***	***Icyitonderwa.***
1.**Amahugurwa**: a)Abalayiki MSSCC batarasezerana b)Abalayiki MSSCC bose.	-Buri wa 6 wa mbere w' ukwezi. - Buri cyumweru cya 3 cy' ukwezi. Igihe cyose bibaye ngombwa.	Abamisiyoneri b' inararibonye bazaba babisabwe. -Abamisiyoneri, Abandi basobanukiwe n' insanganyamatsiko iteganyijwe.	Ubwitange ,Bibiliya,ibitabo by' umuryango. - Amakayi,amakaramu,ibitabo by' imfashanyigisho.	Kiziguro Butare. Kiziguro, Butare.	I Butare bazahitamo igihe kibabereye. Butare bazahitamo umunsi ubabereye.
2.**Gusezerana no kuvugurura amasezerano**.	Kuwa 6,le 23/07/2016.	Abalayiki MSSCC babyiteguye.	Amafaranga.	Kiziguro	Umubare w'amafaranga uzagenwa na Komisiyo hagendewe ku bizaba bikenewe.
3.**Ihuriro ry' Abamisiyoneri MSSCC**	Kuva le 22 kugeza le 24 Nyakanga 2016.	Aba layiki MSSCC. Padiri uhagarariye umuryango mu Rwanda. Padiri ushinzwe aba LMSSCC.	Amafaranga	Kiziguro.	Umubare w'amafaranga uzagenwa na Komisiyo.
4.**Urugendo nyobokamana**	Mu kwezi kwa 11, 2016.	Abalayiki MSSCC	Amafaranga	Remera – Ruhondo cg Kibeho.	Bizongera kwigwaho na Commission ihuriweho na Kiziguro na Butare.
5.**Gushyiraho akanyamaku< NTUMA NYAGASANI>.**	Gasohoka rimwe mu gihembwe ubwo ni 4 mu mwaka.	Abalayiki MSSCC, Komite y' ubwanditsi.	Amafaranga	Kiziguro.	Numero ya mbere y' akanyamakuru izasohoka mu mpera za Mutarara 2016.
6.**Igikorwa rusange cy' urukundo cy' abalayiki msscc**	Rimwe mu mwaka	Abalayiki MSSCC bose.	Icyo bazabona cyafasha ababaye.	Kiziguro,Butare.	Hazatoranywa igikorwa cyihutirwa kandi cyijyanye n' ubushobozi bw' Abalayiki MSSCC,

VI.Gahunda y'amahugurwa y' Abalayiki MSSCC, mu mwaka wa 2016.

Insanganyamatsiko	*Abo areba*	*Abazahugura*	*ibizakenerwa*	*Aho azabera*	*Igihe*	*Icyitonderwa*
1.Umulayiki MSSCC,aragwa ni iki? Asabwa iki?	Abalayiki MSSCC	Umupadiri msscc(Epaphrodite)	Amakayi,amakaramu,ingwa,…	Kiziguro. Butare	Icyumweru cya 3 cya Gashyantare.	Butare bazihitiramo igihe amahugurwa azabera.
2. Amateka y'Umuryango wa MSSCC	Abalayiki MSSCC batarasezerana	Abapadiri MSSCC n' Abalayiki MSSCC bahuguwe.	Ingwa,amakayi,amakaramu,ibitabo by' imfashanyigisho.	Kiziguro, Butare.	Uwa 6 wa mbere w' ukwezi.	Butare bazashaka umunsi ubabereye.
3. Amateka ya Kiliziya	Abalayiki MSSC bose.	Padiri Rutinduka.	Ingwa,amakayi,amakaramu,ibitabo by' imfashagisho.	Kiziguro, Butare.	-	Igihe kizaterwa n' uhugura.
4-Inyigisho kuri Yezu Kristu.	Abalayiki batarasezerana	Abapadiri MSSCC	Ingwa,amakayi,amakaramu,ibitabo by' imfanyagigisho	Kiziguro, Butare.	-	Igihe kizaterwa n' abahugura.
5.Inyigisho kuri Bikira Mariya	Abalayiki MSSCC batarasezerana	Abapadiri MSSCC	Ingwa,amakayi,amakaramu,ibitabo by' imfashanyigisho.	Kiziguro Butare.	-	Igihe kizaterwa n' abahugura.
6.Amasakaramentu	Abalayiki MSSCC bose	Abapadiri Sagahutu Jean Damascene wa Nyakayaga	Ingwa,amakayi,ibitabo n'izindi mfashanyigisho.	Kiziguro Butare.	-	Igihe kizatangwa n' abazahugura.
7.Inyigisho ku Mpuhwe z' Imana.	Abalayiki MSSCC bose.	Umuryango w' Impuhwe z' Imana.	Ingwa,amakayi,amakaramu,Ibibitabo …	Kiziguro, Butare.	Mu gisibo	Igihe kizatangwa n' abahugura.
8.Ihuriro n' ubusugire bw' ingo.	Abalayiki MSSCC bose**.**	Umubikira Soeur Leontine**.**	Ingwa,amakayi, Amakaramu,…	Kiziguro, Butare.	Mu kwezi kwa Mata 2016	Butare bazashaka uzabahugura.

VII Utuntu n' utundi .

Umugani w' igihe cyatakaye !!!

Umugabo yagufatiye urugendo ava mu gihugu cye ajya gushaka ubukire ahandi.

Inzira yanyuragamo yari yegereye inyanja ngari kandi ifite ubujyakuzimu burebure cyane.

Mu nzira agenda abona amabuye meza, ariko kubera ko yabonaga ko ashobora kubuza abantu kwihuta cyangwa bakayasitaraho, akayafata akayajugunya muri iyo nyanja. Arakomeza aragenda ariko akomeza kubona amabuye ayajugunya mu Nyanja.

Ari hafi kugera mu gihugu yashakaga guhahiramo,abona andi mabuye asa na yayandi, agiye kuyafata ngo ayajugunye mu Nyanja, undi mugenzi wari wamubonye ati < sigaho,sigaho>!! Undi amubaza,impamvu amubujije,kuvana ayo mabuye mu nzira.

Undi aramusubiza ati: < Aya mabuye ureba ni zahabu yo mu bwoko bwiza cyane!

Undi ati : < yooo!aho nanyuze,yari ahari menshi,kandi yose nayamariye mu Nyanja.

Sinshobora kuyabona sinashobora gusubira inyuma kandi iyi Nyanja nta mwaro igira.

Ni uko bombi barababara cyane, bafata utwo dukeya babonye,baratugabana.

Sijye wahera , hahera umugani.

Ubuzima bwa buri munsi Nyagasani aduha ni cadeau twagereranya na zahabu.

Iyo umunsi uducitse,tutawukoresheje neza, ni zahabu tuba dutakaje, kandi uwo munsi ntabwo uzongera kuwubona ukundi……!! Impano y' ubuzima tubona tuyikoreshe neza bigishoboka!

Venuste.

VII IUmwanzuro

Kumva neza ubuzima Yezu Kristu yabayemo kuva avutse kugeza abambwe ku musaraba, bitwereka urugamba abambari be basabwa kugira mu buzima bwabo n' icyerekezo cyabwo gisobanutse.

Ni uguhitamo kugira ubuzima bwiyoroshya, burangwa n' ibikorwa byiza biha abandi agaciro baremanywe .

Ni ugufasha cyangwa gusabira abanyantege nke ngo baganduke,bahinduke,bagire umutima w' ineza wo kwifasha no gufasha abandi.

Ni ugukunda ukagera n'aho witangira abandi ugamije ko bagira ubuzima bwiza bw' umubiri n' ubwa Roho.

Ni uguhangana no gutsinda ibishuko bya Sekibi, bishingiye mu kwikuza, gutwarwa cyane n' irari ry' iby' isi, uguheza abandi no kubahohotera,…Ni ukwemera gutumwa aho bikenewe hose,hagamijwe kwamamaza urukundo rw' Imana, mu mvugo, mu bikorwa no mu byiyumvo.

Imana ikomeze kurinda abayo imitego ya Sekibi.

Ubwanditsi.

Amazina y' abalayiki msscc ba Kizguro na Butare.

1.Gasasira Felicien.

2.Ingabire Honorine.

3.Kantengwa Anne Marie.

4.kwatirayo Sebastien

5.Mukabaranga Helene.

6.Mukagasana Anne Marie.

7.Mukampunga Francoise.

8.Mukamurera Therese

9.Mukandahiro Anne Marie

10.Mukandanga Speciose

11.Mukandekezi Thacienne

12.Mukandori Belncille

13.Mukandutiye Marie Gorette

14.Mukarugira Eugenie

15 Mukarugwiza Eugenie

16.Mukayisanganwa Clementine

17.Mukasekuru Therese

18.Murekatete Bernadette

19.Musabimana Emilienne

20.Musabyimana Consolee

21.Mutsinzi Antoine

22.Nyirabahire Immaculee

23.Nyirabashumba Speciose

24.Nyiramatama Mectilde

25.Nyirandegeya Claudine

26.Nyiratunga Jeanne.

27.Rudasingwa Venuste

28.Segicondo Gamaliel

29.Uwamariya Therese

30.Uwamwezi Rose

31.Uwineza Jacqueline.